



Republic of Rwanda
Ministry of Education



IBIBAZO N'IBISUBIZO KU BIYANYE N'ITANGAZWA RY'AMANOTA Y'IBIZAMINI BYA LETA BISOZA ICYICIRO CYA KABIRI CY'AMASHURI YISUMBUYE (2023/2024)

01 UMUKANDIDA ABIGENZA ATE KUGIRA NGO AMENYE AMANOTA YE?

Kugira ngo umukandida abashe kureba/kumenya amanota ye akoresha uburyo bukurikira: Kuja ku rubuga rwa NESAS (<https://www.nesa.gov.rw/>), agakanda ahanditse ijamba **"Exam Results"**, agakanda ahanditse **"Advanced Level/TTC/TVET-TSS"**, akandika numero iranga umukandida ahabigenewe **"Index Number"**, hanyuma akuzuzwa ahandikwa numero ye y'indangamuntu, yarangiza agakanda **"Get Results"** agahita abona amanota ye.

02 KO HATANGAZWA AMANOTA UMUKANDIDA YAGIZE KU IJANA (PERCENTAGE), KUKI HAKIGARAGARA IBYICIRO BY'IMITSINDIRE (GRADES) KURI BURI SOMO?

Amanota y'ibizamini bya Leta yatangajwe hagaragazwa ayo umukandida yagize ku ijana (percentage), kugirango buri mukandida amenye amanota nyirizina yagize muri ibyo bizamini. Ibyiciro by'imitsindire (grades) bikoreshwa kuri buri somo kuko biteganywa n'integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi (CBC) yigishwa mu mashuri y'u Rwanda.

Indi mpamvu ni uko ibyo byiciro byoroshye ku bigereranya n'ibikoreshwa mu bindi bihugu mu igereranya ry'impamyabumenyi/impamyabushobozi rikorwa ku rwego mpuzamahanga (equivalence).





IBIBAZO N'IBISUBIZO KU BIYANYE N'ITANGAZWA RY'AMANOTA Y'IBIZAMINI BYA LETA BISOZA ICYICIRO CYA KABIRI CY'AMASHURI YISUMBUYE (2023/2024)

03

NI IRIHE NOTA UMUKANDIDA WAKOZE IKIZAMINI CYA LETA GISOZA ICYICIRO CYA KABIRI CY'AMASHURI YISUMBUYE AGOMBA KUBONA KUGIRA NGO AHABWE IMPAMYABUMENYI /IMPAMYABUSHOBOZI?


- a** Kugira ngo umukandida wakoze ikizamini cya Leta gisoza icyiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye abone impamyabumenyi/impamyabushobozi, agomba kuba afite nibura amanota mbumbe mirongo itanu kw'ijana (50%). Umukandida wese ufite munsi y'ayo manota aba yatsinzwe
- b** Ku bizamini ngiro by'amasomo y'imyuga n'ubumenyingiro ndetse n'ay'inyigisho mbonezamwuga, umukandida utagize amanota 70% nta mpamyabushobozi ahabwa.

04

NI IRIHE NOTA UMUKANDIDA WAKOZE IKIZAMINI CYA LETA GISOZA ICYICIRO CYA KABIRI CY'AMASHURI YISUMBUYE AGOMBA KUBONA KUGIRA NGO ABE YATSINZE ISOMO RUNAKA?

- a** Ku bizamini by'amasomo y'ingenzi (Core Subjects) n'amasomo rusange (Subsidiary subjects), umukandida agomba kugira nibura amanota 50% muri icyo kizamini kugira ngo abe yagitsinze.
- b** Ku bizamini ngiro by'amasomo y'imyuga n'ubumenyingiro ndetse n'ay'inyigisho mbonezamwuga (Practical Examinations) umukandida agomba kugira nibura amanota 70% muri icyo kizamini kugira ngo abe yagitsinze.





IBIBAZO N'IBISUBIZO KU BIYANYE N'ITANGAZWA RY'AMANOTA Y'IBIZAMINI BYA LETA BISOZA ICYICIRO CYA KABIRI CY'AMASHURI YISUMBUYE (2023/2024)

05

GUSHYIRA AMANOTA MU BYICIRO BY'IMITSINDIRE BIKORWA BITE?

Amanota ashyirwa mu byiciro mu buryo bukurikira:

- a** amanota y'ibanze buri mukandida yagize ku ijana ahabwa icyiciro gihagarariwe n'inyuguti kuri buri somo;
gushyira mu byiciro **amanota ya buri somo ry'ingenzi** (Core Subjects) hashingirwa ku manota ari ku ijana ahagarariwe n'inyuguti **A, B, C, D, E, S na F** zerekana urwego rw'imitsindire rw'umukandida muri buri somo;
- b** gushyira mu byiciro **amanota ku masomo rusange** (Subsidiary subjects) hashingirwa ku manota ari ku ijana, aho uwaritsinze ahabwa inyuguti ya **S** naho uwaritsinzwe agahabwa inyuguti ya **F**.





IBIBAZO N'IBISUBIZO KU BIYANYE N'ITANGAZWA RY'AMANOTA Y'IBIZAMINI BYA LETA BISOZA ICYICIRO CYA KABIRI CY'AMASHURI YISUMBUYE (2023/2024)

06

NI IBIHE BIPIMO NGENDERWAHO BIGENA IMBIBI Z'AMANOTA MU BIZAMINI BYA LETA?

Ibipimo ngenderwaho bigena imbibi z'amanota mu bizamini bya Leta bikubiye mu mbonerahamwe 3 zikurikira, bitewe n'ubwoko bw'amasomo:

a) Ibizamini by'amasomo y'ingenzi (*Core Subjects*):

Imbibi z'amanota	Inyuguti iranga icyiciro	Igisobanuro
80 - 100	A	Indashyikirwa
75 - 79	B	Ni Byiza Cyane
70 - 74	C	Ni Byiza
65 - 69	D	Birashimishije
60 - 64	E	Birahagije
50 - 59	S	Inota Ryo Hasi Ryo Gutsinda
0 - 49	F	Gutsindwa


b) Ibizamini by'amasomo rusange (*Subsidiary subjects*):

Imbibi z'amanota	Inyuguti iranga icyiciro	Igisobanuro
50 - 100	S	Gutsinda
0 - 49	F	Gutsindwa

c) Ibizamini ngiro by'amasomo y'imyuga n'ubumenyingiro ndetse n'ay'inyigisho mbonezamwuga (*Practical Examinations*):

Imbibi z'amanota	Inyuguti iranga icyiciro	Igisobanuro
70 - 100	A	Gutsinda
0 - 69	F	Gutsindwa





IBIBAZO N'IBISUBIZO KU BIYANYE N'ITANGAZWA RY'AMANOTA Y'IBIZAMINI BYA LETA BISOZA ICYICIRO CYA KABIRI CY'AMASHURI YISUMBUYE (2023/2024)

07 NI GUTE AMANOTA MBUMBE KU IJANA ABARWA?

Amanota mbumbe ku ijana abarwa hashingiwe ku bintu bikurikira:

- a Amanota umukandida yabonye ku ijana muri buri somo
- b Agaciro ka buri somo kagenwa hashingiwe ku masaha iryo somo ryigishwa mu cyumweru mu cyiciro cyose, naho mu mashuri yisumbuye ya tekhnike, ako gaciro kakagenwa n'umubare w'amasaha yagenwe kuri buri mbumbanyigisho (credits)

Amanota mbumbe ku ijana (weighted percentage) abarwa mu buryo bukurikira:

$$\text{Ijanisha mbumbe} = \frac{\sum(\text{Subject Raw Marks} \times \text{Subject Weight})}{\sum(\text{Subject Weight})}$$

Urugero:

Umukandida warangije mu ishami rya MCB, yabonye amanota akurikira mu bizamini yakoze:

MCB	Umubare w'amasaha mu cyumweru (A)	Umubare w'imyaka y'icyiciro (B)	Uburemere bw'isomo (A x B) = C	Amanota yabonye muri buri somo (E)	Igikubo (C x E) = F	Ijanisha mbumbe ($\frac{F}{C}$)
Imibare	7	3	21	56.5 %	1,186.5	$\frac{5,676.90}{90} = 63.08\%$
Ubutabire	7	3	21	67 %	1,407	
Ibinyabuzima	7	3	21	45 %	945	
Ihangamurimo	6	3	18	82 %	1,476	
Ubumenyi rusange n'ubuhanga bwo gushyikirana	3	3	9	73.6 %	662.4	
Igiteranyo			90		5,676.90	

Kuberako uyu mukandida yagize 63.08%, yaratsinze, ubwo azabona impamyabumenyi.





IBIBAZO N'IBISUBIZO KU BIYANYE N'ITANGAZWA RY'AMANOTA Y'IBIZAMINI BYA LETA BISOZA ICYICIRO CYA KABIRI CY'AMASHURI YISUMBUYE (2023/2024)

08

ESE UBURYO IBIZAMINI BYA LETA BIKOSORWA BURIZEWE?

Yego. Uburyo ibizamini bya Leta bikosorwa burizewe kuko kubikosora bikorwa hifashishijwe uburyo bwa gihanga bunakoreshwa mu bindi bihugu byateye imbere bwitwa **“Conveyor Belt Marking System”** bwatangiye gukoreshwa mu Rwanda mu mwaka wa 2008. Ubu buryo bwashyizweho mu rwego rwo kwirinda amakosa yashoboraga gukorwa mu gihe cy'ikosora, aho ikaye yakosorwaga n'umwarimu umwe. Muri ubwo buryo bwa “conveyor belt marking System” ikaye ikosorwa n'abarimu bari hagati ya 5 na 7 b'inararibonye kandi b'inyangamugayo bigisha isomo bakosora.

Mu gihe ikaye y'umukandida ikosorwa, umwironoro we uba uhishe kugirango ukosora atamumenya.

Iyo gukosora birangiye, irindi tsinda ry'abagenzuzi (checkers) bari hagati ya 2 na 3 kuri buri kaye basuzuma ko ibibazo byose byakosowe, ko amanota ari ku ikaye y'ikizamini ari yo yanditswe ahabigenewe, bakareba ko ateranyijwe neza, kandi bagafungura imyironoro y'abakandida hanyuma bakandika amanota ku mafishi yabugenewe. **Ibyo rero bituma amanota abakandida babonye aba afitiwe ikizere gihagije.**





IBIBAZO N'IBISUBIZO KU BIYANYE N'ITANGAZWA RY'AMANOTA Y'IBIZAMINI BYA LETA BISOZA ICYICIRO CYA KABIRI CY'AMASHURI YISUMBUYE (2023/2024)

09

AMANOTA ARI KU MAFISHI AGERA ATE MURI SISITEMU ATANGARIZWAMO?

Iyo amanota amaze kwandikwa ku mafishi, ashyikirizwa abayandika muri sisitemu isomo ku rindi hifashishijwe mudasobwa. Amanota yanditswe muri sisitemu yongera kugenzurwa n'irindi tsinda ridafite aho rihuriye n'iryayanditse hagereranywa ayanditse muri sisitemu n'ayanditse ku mafishi. Ibyo bikorwa hagamijwe gutahura ahaba hari ikosa kugira ngo rikosorwe.

Iyo hari ikosa rigaragaye, bigaragazwa ku mafishi kandi uribonye akabisinyira. Iryo kosa rikosorwa n'irindi tsinda ritandukanye n'iryanditse amanota ndetse n'iryayagenzuye.

10

ESE UMUKANDIDA ASHOBORA GUSABA GUKOSOZA IMYIRONDO NYUMA Y'ITANGAZWA RY'AMANOTA Y'IBIZAMINI BYA LETA?

- a **Yego.** Umukandida ashobora gusaba gukosoza imyirondoro nyuma y'itangazwa ry'amanota y'ibizamini bya Leta iyo idahuye n'iri ku ndangamuntu abicishije muri sisitemu ya SDMS itangarizwamo amanota.
- b Umukandida ufite ikibazo kijyanye n'imyirondoro asaba kuyikosoza anyuze muri sisitemu ya SDMS yifashishije link ikurikira: <https://sdms.gov.rw/sas-ui/public/examAppealHome.zul>. Aha, umukandida asabwa gushyiramo fotokopi y'indangamuntu n'icyangombwa cy'amavuko.





IBIBAZO N'IBISUBIZO KU BIYANYE N'ITANGAZWA RY'AMANOTA Y'IBIZAMINI BYA LETA BISOZA ICYICIRO CYA KABIRI CY'AMASHURI YISUMBUYE (2023/2024)

11

ESE UMUKANDIDA UTISHIMIYE AMANOTA YABONYE ASHOBORA GUSOBANUZA?

Yego. Umukandida utishimiye amanota yabonye ashobora gusobanuza kuri NESA hifashishijwe **umurongo wa telefone utishyurwa wa 9070.**

12

ESE UMUKANDIDA UTISHIMIYE AMANOTA YABONYE ASHAKA KO NESA YONGERA GUSUZUMA AMANOTA YE ABIGENZA ATE?

- a** Umunyeshuri utishimiye amanota yabonye, yegera umuyobozi w'ikigo cy'amashuri yiyandikishirijemo gukora ibizamini bya Leta.
- b** Umukandida wigenga utishimiye amanota yagize mu bizamini bya Leta asaba ko NESA yongera gusuzuma amanota ye abinyujije ku rubuga rwa SDMS.
- c** Gusaba kongera gusuzuma amanota bikorwa mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uherye igihe amanota yatangarijwe. Nyuma y'icyo gihe, nta busabe bushobora gutangwa kuko sisitemu iba ifunze.
- d** Nta mukandida cyangwa umubyeyi wemerewe kuza ku biro bya NESA gusaba ko NESA yongera gusuzuma amanota.





IBIBAZO N'IBISUBIZO KU BIYANYE N'ITANGAZWA RY'AMANOTA Y'IBIZAMINI BYA LETA BISOZA ICYICIRO CYA KABIRI CY'AMASHURI YISUMBUYE (2023/2024)

13

NI IZIHE NSHINGANO Z'UMUYOBOZI W'IKIGO CY'AMASHURI MU BIYANYE NO GUSABA NESA KONGERA GUSUZUMA AMANOTA Y'UMUKANDIDA?

Ku biyanye no gusaba NESA kongera gusuzuma amanota y'umukandida, umuyobozi w'ikigo yakira ibibazo byatanzwe n'abakandida biyandikishirije ku kigo cy'amashuri ayobora, akabisesengura yitonze kugira ngo amenye ishingiro ryabyo, hanyuma agashyikiriza NESA ubusabe bwose bufite ishingiro binyuze muri sisitemu ya SDMS. Aha bimusaba kubanza kwinjiramo nk'umuyobozi w'ishuri.

14

NI IZIHE MPAMVU ZITUMA GUSABA KO AMANOTA Y'UMUKANDIDA YONGERA GUSUZUMWA NA NESA BINYUZWA KU MUYOBOZI W'ISHURI?

Gusaba ko amanota y'umukandida yongera gusuzumwa na NESA binyuzwa ku muyobozi w'ishuri kuko ari we uba yarakurikiranye imyigire y'umukandida, bityo akaba ari we uzi neza ubushobozi bwe. Ni na we ushobora kumenya neza niba amanota yabonye ajyanye n'uko yari asanzwe atsinda mu masuzuma anyuranye akorerwa ku rwego rw'ishuri. Ibyo rero bituma ari we uri mu mwanya mwiza wo gusuzuma niba amanota y'umukandida akwiriye kongera gusuzumwa.





IBIBAZO N'IBISUBIZO KU BIJYANYE N'ITANGAZWA RY'AMANOTA Y'IBIZAMINI BYA LETA BISOZA ICYICIRO CYA KABIRI CY'AMASHURI YISUMBUYE (2023/2024)

15

ESE IYO NESA YAKIRIYE UBUSABE BWO KONGERA GUSUZUMA AMANOTA Y'UMUKANDIDA IBIGENZA ITE?

Iyo NESA imaze kwakira ubusabe bujyanye n'amanota, ishyiraho itsinda rishinzwe kugenzura ubwo busabe. Mu gihe isanze budafite ishingiro imenyeshya umukandida bireba hifashishijwe ubutumwa bugufi bunyuzwa kuri telefone (SMS) ko nta shingiro bufite, ibyo bigakorwa mu minsi itarenze mirongo itatu (30) ibarwa uhereye ku muni ubusabe bwakiriweho.

16

ESE UMUKANDIDA WASABYE KO AMANOTA YE YONGERA GUSUZUMWA, YEMERWE KUGERA AHO BIKORERWA?

Oya. Mu gihe itsinda ryashyizweho na NESA riri mu gikorwa cyo gusuzuma ubusabe bw'umukandida, uwo mukandida ntiyemerewe kugera aho icyo gikorwa kibera.





IBIBAZO N'IBISUBIZO KU BIYANYE N'ITANGAZWA RY'AMANOTA Y'IBIZAMINI BYA LETA BISOZA ICYICIRO CYA KABIRI CY'AMASHURI YISUMBUYE (2023/2024)

17

NI RYARI NESAS ITANGAZA IBYAVUYE MU KONGERA GUSUZUMA AMANOTA Y'UMUKANDIDA WABISABYE?

NESAS imenyeshya umukandida bireba igisubizo ku busabe bwe hifashishijwe ubutumwa bugufi bunyuzwa kuri telefone (SMS) mu gihe kitarenze iminsi mirongo itandatu (60) itangira kubarwa ku munsu yakiriyeho ubujurire bw'abakandida.

18

ESE UMUKANDIDA WASABYE KO AMANOTA YE YONGERA GUSUZUMWA, YAHABWA IGISUBIZO NA NESAS AKUMVA KITAMUNYUZE ABIGENZA ATE?

Uwo mukandida nta kindi yakorerwa kirenze gusobanurirwa ibyagaragajwe n'igenzura. Igisubizo ahawe na NESAS nyuma yo kongera kugenzura ibintu byose ni cyo kiba ari icya nyuma.

